UMWEPISKOPI YATUYE IGITAMBO CY'UKARISTIYA CYO GUSHIMIRA IMANA IBYIZA YATUGIRIYE MURI UYU MWAKA WA 2017 URANGIYE

Tariki 31 ukuboza 2017, guhera i saa kumi n'imwe (17h00'), Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo yatuye hamwe n'Abakristu ba Paruwasi Cathedrale ya Nyundo Igitambo cy'Ukaristiya cyo gushimira Imana ibyiza yagiriye Diyosezi yacu muri uyu mwaka wose urangiye, anasabira Diyosezi yacu kuzakomeza kujya mbere muri uyu mwaka tugiye gutangira. Nyuma y'Igitambo cy'Ukaristiya kandi yahaye umugisha Inzu izaturamo ababikira(Abari b'Izuka). Ubundi kandi birasanzwe ko abasaseridoti n'abihayimana, nyuma ya Misa yo gushimira Imana bataramira hamwe bishimiye ibyiza bagezeho banashimira Umwepiskopi.

Mu Gitambo cy'Ukaristiya, Nyiricyubahiro Musenyeri yagize ubutumwa ageza ku Bakristu bari baje kwifatanya na we gushimira Imana umwaka ushize.

Bakristu, Bavandimwe, kuri uyu munsi wa nyuma dusozaho uyu mwaka wa 2017, twitegura kwinjira mu mwaka mushya wa 2018, nejejwe no kubaramutsa mw'izina ry'Umwami wacu Yezu Kristu: Kristu Yezu akuzwe.

Twishimiye guhurira ahangaha, muri iki gitambo cy'Ukaristiya, isengesho rikuru kugirango dushimire Nyagasani Imana yacu ibyiza byose yatugejejeho muri uyu mwaka wa 2017 twiteguye gusoza mu masaha make, kandi twinjira mu mwaka mushya wa 2018 tuyiragiza na none kuko tuzi neza ko ariyo dukesha byose. Kuri uyu munsi wa nyuma usoza umwaka rero, ahenshi

bakuze kuririmba ya ndirimbo y'ibyishimo tumenyereye kwita Te Deum, indirimbo iba igaragariza Nyagasani ko ibyo tuba twaragezeho byose ariyo tubikesha. Te Deum. Ijambo ry'ikilatini, risobanura ngo Wowe Nyagasani, Byose ni wowe Nyagasani. Mu masaha make na none turaba twinjiye mu mwaka mushya wa 2018, umwaka twifuza kuzagiramo amahoro n'amahirwe, ndetse tukizera kuzawubonamo ibyiza birenze ibyo twabonye muri uyu nguyu dusoza wa 2017. Ibyo byiza twifuza muri uyu mwaka mushya tugiye gutangira, ntawundi wundi uzabitugezaho atari Nyagasani Imana yacu, yo dukesha byose.

Hari byinshi dushimira Nyagasani muri uyu mwaka turangije wa 2017. Uko duteraniye ahangaha, buri wese ku giti cye afite ibyo ashimira Nyagasani. Ntabwo twashobora kurondora ibyo byiza byose bya buri wese Nyagasani yatugejejeho muri uyu mwaka ngo tuzabirangize. Ariko hari kimwe twese duhuriyemo kandi dushimira Imana twese, ni uko Imana yaturinze, ikaturindira abacu, none tukaba dushoje uyu mwaka turi bazima, tukaba dushoje uyu mwaka tugihumeka umwuka w'abazima. Ibyo, n'ubwo Imana idakeneye ishimwe ryacu, ariko nimureke tuyihe amashyi n'impundu kubera ubwo buntu bwayo yatugiriye.

Birashoboka ko muri uyu mwaka dushoje, yenda hari ibitaratugendekeye neza nk'uko twabyifuzaga. Bikaba bitaratugendekeye neza, biturutse ku mpamvu zacu bwite cyangwa biturutse ku bandi. Muri iki gitambo cy'Ukaristiya dusabe Nyagasani Imana yacu ngo ibyo bitadutunganiye noneho muri uyu mwaka mushya tuza gutangira mu masaha make bizarusheho kutugendekera neza. Ubu rero ni n'akanya ko kugirango tubabarire ababa baratubangamiye mu bikorwa byacu cyangwa mu migambi yacu muri uyu mwaka dushoje. Ariko na none bikaba akanya ko kugirango natwe dusabe imbabazi abo twaba twarabangamiye muri gahunda zabo cyangwa mu bikorwa byabo.

Mu butumwa bwa Nyirubutungane Papa Fransisko tuzazirikanaho ejo ku munsi wa mbere utangira umwaka, umunsi w'amahoro kw'isi yose, tuzafata ingamba zo kurandura inabi yose aho iva ikagera, tugamije kwimika ineza, kuko ariyo nzira ikwiye yo kubaka amahoro. Tuzazirikana ko amacakubiri agaragara muri iyi si yacu, tugomba kuyatsindisha Inkuru Nziza ya Yezu Kristu. Tuzazirikana ko tugomba guharanira ko ineza yarusha imbaraga inabi.

Kuri iki cyumweru, cyanahuriranye n'umunsi wa nyuma usoza umwaka, twahimbaje Umunsi mukuru w'Umuryango mutagatifu, turifuza ko ingo zacu zagendera ku rugero rwiza rw'urugo rw'i Nazareti kwa Yozefu, Mariya na Yezu. Kurandura inabi rero twimika ineza, tugomba kubitangirira mu muryango, iwacu mu rugo mu ngo zacu, niho hambere dukwiye gushyira imbaraga twubaka amahoro. Iyo tubanye neza mu mahoro mu muryango, mu rugo, iyo duharutse tujya mu kazi ka buri munsi, tugenda dufite umuneza maze n'ibyo dukora bikagenda neza. Nyamara ariko iyo tubanye nabi mu muryango, tugahora mu mwiryane, uwo mwiryane, iyo nabi byanze bikunze bitugiraho ingaruka no mu kazi dushinzwe ka buri munsi bigatuma tudatanga umusaruro ushimishisje mubyo dukora byose.

Mu butumwa bwa gishumba Abepiskopi gatolika b'u Rwanda twabagejejeho na none kuri iki cyumweru, turongera gusaba ko abantu bose barushaho guha agaciro ubuzima. Kwubaha ubuzima kuva umwana agisamwa, n'iyo ni indi ntambwe yo kubaka amahoro. Kwirinda kwiyandarika mu busambanyi n'izindi ngeso mbi zituma abantu batubaha ubuzima nk'impano ikomeye Imana iduha ; tuzarusheho kubizirikana muri uyu mwaka mushya tugiye gutangira wa 2018.

Ndagirango ngaruke ariko ku byiza dushimira Nyagasani muri rusange muri Diyosezi yacu ya Nyundo muri uyu mwaka dushoje wa 2017. Nk'uko nabivugaga mu kanya buri wese azi mu mutima we ibyo yashimira Nyagasani ku giti cye. Ndagirango ariko munyihanganire tugire bike by'ingenzi dushimira Nyagasani muri rusange ku rwego rwa Diyosezi yacu ya Nyundo. Muri uyu mwaka dushoje, Diyosezi yacu yungutse abasaserdoti bashya 12 nk'intumwa 12 za Yezu Kristu. Byabaye ubwa mbere mu mateka ya Diyosezi yacu tubona abasaserdoti 12 icyarimwe b'abasore bashyitse, buzuye imbaraga n'ubushake bwo kwigisha, kuyobora no gutagatifuza imbaga y'Imana. Ni umugisha ukomeye dushimira Nyagasani kandi ukaba warahuriranye n'uko twahimbazaga Yubile y'imyaka 100 tubonye abasaserdoiti ba mbere b'abanyarwanda. Muri uyu mwaka dushoje kandi hari abihay'imana banyuranye bo muri Diyosezi yacu bakoze amasezerano yabo ya burundu cyangwa ya mbere mu miryango inyuranye y'Abihayimana. Muri uyu mwaka dushoje kandi, Abafaratiri bacu bakomeje gutera intambwe igana ubusaserdoti muri za Seminari Nkuru haba i Rutongo, i Kabgayi na Nyakibanda. Nabyo turabishimira Imana ikomeje gutora abasore n'abari benshi ngo bayiyegurire. Ubwo sinakwibagirwa n'Abakristu

bagize Yubile z'amavuko, cyangwa se zo gushyingirwa nabyo turabishimira Imana.

Turashimira Nyagasani kandi kubera abana bavutse muri uyu mwaka, abakristu bashya twungutse tubikesha Batisimu bahawe, abana bahawe Ukaristiya ya Mbere, abakiriye ingabire za Roho Mutagatifu mw'isakramentu ry'ugukomezwa, abasore n'inkumi bashinze ingo za gikristu bahabwa isakramentu ryo gushyingirwa.

Turashimira Nyagasani Imana yacu kubera imirimo inyuranye yakozwe muri Diyosezi yacu, irimo nko kurangiza icumbi ry'abapadiri muri Paruwasi nshya ya KORA mu karere ka Nyabihu, icumbi ry'ababikira b'abari b'Izuka hano ku Nyundo, inyubako z'amashuri mashya kuri Centre Scolaire Noel Nyundo hariya hepfo ahahoze Orphelinat, gukomeza imirimo y'iyubakwa rya Kiliziya ya Paruwasi ya Nyange igeze ahashimishije n'ibindi n'ibindi ntarondora byakozwe hirya no hino mu maparuwasi agize Diyosezi yacu, aho zakiliziya za Centrales zinyuranye zatashwe.

Mu rwego rwo guteganyiriza ejo hazaza ha Diyosezi yacu, muri uyu mwaka dushoje wa 2017 twatangije Hoteli ya Diyosezi ku Gisenyi yitwa:"Kivu Peace View Hotel", twitabaje inguzanyo ya Banki. Turashimira Imana ku gikorwa gikomeye twakoze twakira muri Diyosezi yacu Ihuriro ry'Urubyiruko gatolika ku nshuro ya 16 mu Gihugu cyacu. Aho twakiriye urubyiruko runyuranye rusaga 5200, ruturutse mu Bihugu bikikije u Rwanda. Mboneyeho gushimira rwose Abakristu mwese mwatanze inkunga zinyuranye; abakiriye urubyiruko mu ngo zanyu mukabana nabo mu minsi bamaze hano. Koko ubukristu bukomeze kutubyarira ubuvandimwe nyabwo. Mwarakoze, byagenze neza; Imana ibahe Umugisha. Ibyo twashimira Nyagasani muri uyu mwaka dushoje ni byinshi, reka mpinire ahangaha, ariko nk'uko nabivuze mu kanya buri wese azirikane mu mutima we ibyo akwiye gushimira Nyagasani ku giti cye.

Nk'uko twabyumvise mw'isomo rya mbere ryo mu gitabo cya Tobi, aho nyine Tobi yasabaga umuhungu we gushimira uwamugiriye neza, twumvise ikibazo uwo muhungu yibajije agira ati : « Ese rwose ubu, namuhemba ibingana iki ? ». Natwe Bakristu, bavandimwe, ndakeka ntibeshya ko natwe twakwibaza ikibazo nk'icyo ngicyo. Ese twebwe ni gute twashimira Nyagasani ibyiza byose yatugiriye muri uyu mwaka dushoje wa 2017 ? Twumvise ko Umumalayika wa Nyagasani yagiriye Tobi n'umuhungu we inama yo gushimira basingiza Imana

kandi bayamamariza imbere y'icyitwa ikinyabuzima cyose kubera ibyo yabakoreye ; bashimagiza izina ryayo, baririmba. Ati : ibikorwa byayo mujye mubimenyesha abantu bose ; mubibabwirane icyubahiro, kandi ntimugahweme kuyishimagiza. Agasoza agira ati : Nimwihatire gukora ibyiza, bityo ikibi ntikizabarangweho. Bakristu, Bavandimwe, ngubwo natwe uburyo bwiza dukwiye gushimiramo Imana yacu ku byiza byose yatugabiye ku buntu bwayo muri uyu mwaka wa 2017 dushoje.

Izo nama kandi ni nazo Pawulo Mutagatifu yatugiriye mw'isomo rya kabiri ryo mw'ibaruwa yandikiye Abanyakolosi, aho yatubwiraga ati : « Mwebwe Ntore z'Imana, mukaba abatagatifujwe bayo ikunda byimazeyo, nimugire umutima wuje impuhwe, ubugiraneza, ubwiyoroshye, ituze n'ukwiyumanganya ». Bakristu, Bavandimwe,dusabe Nyagasani Imana yacu ngo muri uyu mwaka wa 2018 tugiye gutangira tuzabe koko Intore z'Imana zirangwa niyo myifatire Pawulo Mutagatifu atwibukije. Nitubaho gutyo nk'uko Pawulo Mutagatifu abidusaba, tuzarushaho kugira urukundo rugomba kuduhuriza hamwe twese mu butungane, maze amahoro ya Kristu azaganze mu mitima yacu. Pawulo Mutagatifu yakomeje inama ze agira ati : «Mujye mwigishanya kandi muhanane, mubigiranye ubwitonzi. Mujye mushimira Imana mu mitima yanyu, muyiririmbira zaburi, ibisingizo n'izindi ndirimbo mubwirijwe na Roho Mutagatifu. Ati : ari ibyo muvuze, ari n'ibyo mukoze, byose mujye mubigira mu izina rya Nyagasani Yezu, abe ariwe mwisunga mushimira Imana Data.

Bakristu, Bavandimwe, nk'uko twabyumvise mu Ivanjili yanditswe na Luka Mutagatifu, nka ba bigishwa 72 bari bishimye bavuye mu butumwa bwabo, natwe twishimire ko uyu mwaka wa 2017 dushoje twawukozemo ubutumwa bunyuranye. Aho twatunganiye Nyagasani n'abavandimwe bacu tubyishimire. Nyamara aho twasitaye ntitube intore za Nyagasani uko byagombaga, aho twagize ubunebwe cyangwa se ubwikunde, aho tutaranzwe n'urukundo rukwiye abatagatifujwe tuzahakosore muri uyu mwaka dutangiye wa 2018, maze mu mpera zawo tuzongere duhure twishimira ibyo tuzaba twaragezeho tuyobowe na Roho wa Nyagasani. Nkabo Bigishwa ba Yezu Kristu, tuzishimire ko amazina yacu akomeza kugenda yandikwa mu Ijuru, mu gitabo cy'ubugingo.

Mwese mwese rero, muzagire Umwaka mwiza, umwaka w'amahoro n'ibyishimo, umwaka w'amahirwe muri byose, umwaka w'imigisha myinshi dukomora kuri Nyagasani. Nk'uko tumenyereye kubivuga muzagire Umwaka w'Amata n'Ubuki.

Nyagasani Yezu nabane namwe.

Nyuma y'Igitambo cy'Ukaristiya Musenyeri NSENGUMUREMYI Jean Marie Vianney Igisonga cy'Umwepiskopi wacu yagize icyo abwira Umwepiskopi mu izina ry'Abasaseridoti n'abihayimana. Yatangiye amushimira kandi amwifuriza kuzagira Umwaka mushya muhire wa 2018. Yakomeje akomoza ku byiza byinshi twagezeho tubikesha ishyaka ryiza riranga Umwepiskopi wacu rigamije iterambere rya roho n'Umubiri; hari ibikorwa byinshi binyuranye twagezeho muri Diyosezi; inshuti nshya twungutse,...yakomeje ashimira Umwepiskopi wacu amuragiza Umubyeyi Bikira Mariya ngo azamukomereze ubuzima no muri iki gihe kije.

Nyuma y’Igitambo cy’Ukaristiya Umwepiskopi wacu yakoreje ku Nyubako nshya izaturamo Ababikira ayiha umugisha. Ninaho hakomereje igitaramo cyo gusoza umwaka aganira n’abihayimana n’abasaseridoti.

Nyuma y’uko inzu ihawe umugisha, ababikira bazayituramo bashimiye Umwepiskopi banamuha impano yo kumushimira.

Mu Ijambo rye asoza uwo mugoroba, yatangiye ashimira buri wese kuba afite icyo yagezeho mu butumwa bwe ashinzwe muri uyu mwaka urangiye. Yakomeje yifuriza buri wese mu butumwa yahawe umwaka mushya muhire; kandi anabifuriza gukomeza kujya mbere mu butumwa bw'icyenurabushyo. Yarangije yifuriza buri wese umwaka mushya w'Amahoro n'ibyishimo mu muhamagaro yahisemo. Aduha umugisha.

MUZAGIRE MWESE UMWAKA MUSHYA MUHIRE WA 2018

Padiri KWIZERA Jean Marie